MICHIGAN
ROSS SCHOOL OF BUSINESS

WDI
William Davidson Institute
AT THE UNIVERSITY OF MICHIGAN

byateguwe 1-429-138
Nyakanga 16, 2010

# DIVAYI Y'IBITOKI IKORWA NA Coproviba

Murebwayire Christine, yahoze ari umwarimukazi mu mashuri abanza, arasogongera kuri divayi iva ku bitoki, yicaye mu biro bye, areba uko abakozi be bashyashyana benga divayi nyinshi. Murebwayire ni umuyobozi wa COPROVIBA, iyi ikaba ari koperatve yenga ibitoki ikabibyazamo divayi, ikorera hafi y'I Kigali, umurwa mukuru w'u Rwanda. Murebwayire ni umupfakazi, akaba yarasigiwe abana batatu na nyakwigendera. Yishimira cyane ibyo yagezeho mu iterambere ry'ubucuruzi bwe – iyo divayi irazwi cyane mu Rwanda kandi itangiye no kumenyekana ku rwego mpuzamahanga.




Murebwayire arimo kwibaza icyerekezo cy'ubucuruzi bwe. Muri iki gihe ntabwo ashobora guhaza abakiliya bashaka iyo divayi, ni muri urwo rwego yumva icyihutirwa ari ukongera ingano ya divayi benga. Ikindi atekereza gishoboka ni ugushora amafaranga mu kwamamaza; Birashoboka ko yanatangira ikindi gicuruzwa gishyashya. Urugero rwa hafi ni ubudodo buva mu mitumba y'insina.

Uko asogongera divayi, yumva icyanga n'ubwiza bidasanzwe, ni nako atekereza ibikorwa Coproviba yagezeho mu myaka mike imaze ikora, akomeza guyungurura ibitekerezo bijyanye n'icyerekezo cya koperative.

DO NOT COPY

## Amavu n'amavuko ya Coproviba

Coproviba yavutse muw' 2004 ivuye mu bitekerezo bya Christine n'abandi bantu batatu. Murebwayire yahisemo gutangira koperative mu mwanya wo gutangira gucuruza wenyine. Ibyo yabitewe n'uko nta mafaranga menshi yari afite ngo abe yayagira igishoro. Ikindi ni uko Leta y'u Rwanda iteza imbere amakoperative iyaha andi mahugurwa, inshuro nyinshi ikabinyuza mu kigo cy'igihugu gishinzwe iterambere (Rwandan Development Board).

GlobaLens
*Published by GlobaLens, a division of the William Davidson Institute at the University of Michigan.*
*©2010, The William Davidson Institute. Ibi byateguwe kandi mubigejejweho na Nilima Achwal, wungirije ubushakashatsi, ayobowe na Etienne Musonera, wigisha muri kaminuza ya Mercer, n'inkunga ya Sharolyn Arnett, ushinzwe amahugurwa kuri William Davidson Institute.*

*Unauthorized reproduction and distribution is an infringement of copyright. Please contact us for permissions: Permissions@GlobaLens.com or 734-615-9553.*